

IKINYARWANDA
Itariki 12/06/2024
Isaha : saa munani-saa kumi
n'imwe(14h00-17h00)



IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3

IKICIRO: RUSANGE CY'AMASHURI YISUMBUYE
UMWAKA WA: MBERE (S1)

IGIHE KIMARA: amasaha 3

AMANOTA: / 100 CA-MIS / 50

AMABWIRIZA

1. Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2. Ikizamini kigizwe n'**ibibazo 20**. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye.
3. Ikizamini kigizwe n'ibice bine:
 - **Igice cya mbere:** Kumva no gusesengura umwandiko **(amanota 30)**
 - **Igice cya kabiri:** Ikkibonezamvugo **(amanota 25)**
 - **Igice cya gatatu :** Ubumenyi rusange bw'ururimi **(amanota 30)**
 - **Igice cya kane :** Ihangamwandiko **(amanota 15)**
4. Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
5. Gusiribanga, guhindagura no guhuza ibisubizo na mugenzi wawe bifatwa nko gukopera cyangwa gukopezwa.
6. Koresha gusa ikaramu y'**ubururu** cyangwa y'**umukara**.

AMARASO Y'IKINYOGOTE

Umunsi umwe umwami w'ishyamba yarwaje umwana. Intare ntisinzire ikajya irara yomongana mu ishyamba iboroga, iririra umwana wayo. Ibaza imiti, biba iby'ubusa, umurwayi akomeza kumererwa nabi; bayoberwa iyo ndwara iyo ari yo, ikomeza kuba agashobero.

Intare igeze aho iribwira iti: "Ingabo zange zimariye iki? Nabajije inyamaswa zose icyankiriza umwana, none aranga akanshika. Reka nzihamagare zose zibwire abavuzi b'abahanga muri zo, maze nibatamvurira umwana bazabone igihano gikomeye." Inama y'abaganga ikabamo ingwe, yewe n'amasatura n'impiri nako ubwoko bwose bwari bwohereje umuhanga bwiyizimo. Indwara irayo berana. Imiti igeragejwe ikabisubiza irudubi.

Inama y'abavuzi imaze gushoberwa, havamo nyiramuhari ibwira intare iti: "Nyagasani, naje aha mvuye mu rugendo rwa kure, mbajije imiti myinshi. Ndagira ngo mbabwire umuti wakiza umwana." Intare iyikubita inzara iti: "Maze uga tinda bigeze aha!" Nyiramuhari iti: "Nibamuhe amaraso y'ikinyogote ashyushye anywe ahage. Nibidushobokera, turaba dusigaranye umurimo wo kumwondora."

Ikinyogote cyari cyoherejwe kibyumbise kigira ubwoba, gihinda umushyitsi. Kiraza n'imbere ya ya ntare gikoma yombi, amavi kiyarimiriza ku butaka kirayibwira kit: "Nyagasani sinakwemera ko mwene databuja apfa nashobora kumukiza; ubuzima bwange ntiburuta ubwe. Icyakora umuti nari nawibagiwe, nange nari nywazi. Nyiramuhari yawibagiweho ikintu cya ngombwa. N'aho twawukuye ndahakubwira: tujya kuza mu nama twagiye kuri umwe muri ba bandi bagenda bahagaze ku tuguru tubiri aratubwira ati: "Ni mwe mwembi umuti uzaturukaho, bazashake ubwonko bwa nyiramuhari babuminjiremo amaraso y'ikinyogote umwana abirye, nadakira muzabwire Ntare ko mutegeye umutwe wange."

Izindi nyamaswa zikaba zateze amatwi ziti: "Nimugire bwangu umwana ataducika." Nyiramuhari bayitema agahanga baragasatura bakuramo ubwonko. Ikinyogote bagitera agashinge ku kuguru (kuko ahandi hari amahwa menshi) baminjira uturaso mu bwonko, ingwe yiwegamiza umwana w'intare bamuha umuti.

Inama y'abavuzi irangira ityo, ikinyogote kigenda gicumbagira, n'ubundi ariko cyari kibisanganywe, bari bamaze iminsi bagitereye umujugujugu mu murima w'imyumbati. Umwana w'intare ruranga ruramuhyana.

Si nge wahera hahera ubugome bwa nyiramuhari n'abavuzi bo mu ishyamba.

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 30)

- 1) Uyu mwandiko ni bwoko ki? Tanga impamvu eshatu zisobanura igisubizo cyawe. **(amanota 4)**
- 2) Vuga atatu mu mazina y'inyamaswa zari zitabiriye inama. **(amanota 3)**
- 3) Ni uwuhe muti nyiramuhari yatanze wo kuvura umwana w'intare? Ese uyu muti wari watanzwe hagambiriwe iki? **(amanota 2)**
- 4) Ni iki wavuga ku muti nyiramuhari yatanze n'uburyo ikinyogote cyawunogeje? **(amanota 3)**
- 5) "Utazi ubwenge ashima ubwe". Huza uyu mugani n'ibivugwa mu mwandiko. **(amanota 3)**
- 6) Garagaza impamvu eshatu zerekana ko umuti ikinyogote cyatanze wari wizewe. **(amanota 3)**
- 7) Subiza ukoresheje "**ni byo**" cyangwa "**si byo**" ukurikije ibivugwa mu mwandiko n'ubumenyi bwawe bwite. **(amanota 5)**
 - (a) Intare umwami w'ishyamba yitwa kandi Rwarikamavubi.
 - (b) Nyiramuhari yatanze umuti kubera impuhwe yari ifitiye umwana w'intare.
 - (c) Ikinyogote cyavuze ko ubuzima bw'umwana w'intare butaruta ubwacyo kugira ngo umuti wacyo wemerwe.
 - (d) Ingwe yiwegamije umwana w'intare ishaka ubutoni ku mwami w'ishyamba.
 - (e) Umwana w'intare amaze gupfa ikinyogote cyarahanwe kuko cyatanze umuti utariwo.
- 8) Ni iki cyaba cyaratume umuti watanzwe utavura umwana w'intare? **(amanota 2)**
- 9) Simbuza amagambo atsindagiye andi bihuje inyito mu mwandiko: **(amanota 5)**
 - (a) Yakoze uko ashoboye ngo atsinde ariko **ntibyagira icyo bitanga**.
 - (b) Bari hafi kubyemeranywaho ariko imyanzuro yose ifashwe **ikabisubiza inyuma** ku buryo batahiye aho.

- (c) Abari bahateraniye bamaze **kubura icyo bakora** bahisemo gutaha bakazagaruka ikindi gihe.
- (d) Nimugire **vuba** twihute tudakererwa.
- (e) Nyuma yo kuzahazwa n'uburwayi ubu batangiye **kumuha ibyo kumufasha ngo abe yagarura agatege**.

IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)

- 10) Tanga ingero z'amazina zikurikira: **(amanota 5)**
 - (a) Izina ryo mu nteko ya 14 rifata ubwinshi mu nteko ya 6.
 - (b) Izina ryo mu nteko ya 15 ritajya mu bwinshi.
 - (c) Izina ryo mu nteko ya 9 rifata ubwinshi mu nteko ya 6.
 - (d) Izina ryo mu nteko ya 12 ritajya mu bwinshi.
 - (e) Izina ryo mu nteko ya 11 rifata ubwinshi mu nteko ya 10.
- 11) Tanga ingero z'amagambo yakoreshwamo amategeko y'igenamajwi akurikira unagaragaze uturemajambo twayo. **(amanota 6)**
 - (a) $y \rightarrow z/n$ -
 - (b) $e \rightarrow y/-J$
 - (c) $d+y \rightarrow z$
- 12) Shyira mu bwinshi interuro zikurikira ku buryo zikomeza kuba mbonezamvugo. **(amanota 5)**
 - (a) Ibuye rimeneka urwondo rugisukuma.
 - (b) Inkoni ivuna igufwa ntivura ingeso.
- 13) Wifashishije ingero, garagaza ukuntu indomo y'izina mbonera iboneka. **(amanota 6)**
- 14) Tanga uturango dutatu twa ntera. **(amanota 3)**

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 30)

- 15) Garagaza itandukaniro riri hagati y'umwandiko ntekerezo, umwandiko mvugo shusho n'umuvugo. **(amanota 6)**
- 16) Ni ibihe bisakuzo bica (basubiza) muri ubu buryo ? **(amanota 5)**
 - (a) Imboni
 - (b) Inyana iri mu nda ya nyina

- (c) Isi n'ijuru
 (d) Umuneke
 (e) Uruhu rw'imbwa
- 17) Tandukanya amagambo yandikwa kimwe ari mu nteruro zikurikira ukoresheje ubutinde bw'imirigemo. **(amanota 8)**
- (a) Abana bamaze guhaga imineke bajya gukina umupira babanje guhaga.
 (b) Umuntu yishima ate ari mu bibazo ko burya umuntu yishima aho yishyikira?
 (c) Kagabo yagiye gusura nyirakuru amubwira ko atari byiza gusura uri mu bandi kuko byerekana ikinyabupfura gike.
 (d) Sangwa yabanje gufungura urugi mbere yo gufungura ibyo ku manywa.
- 18) Tahura amagambo atandatu yerekanyeye n'ubuzima muri iki kinyatuzu. **(amanota 6)**

S	H	G	B	N	M	K	S	E	C
Y	T	G	V	S	I	M	I	T	I
W	S	F	G	Z	I	N	D	A	G
M	U	B	U	R	A	G	A	Z	A
U	R	U	B	Y	A	R	O	J	H
D	C	R	I	M	I	T	E	Z	I
U	R	U	S	O	R	O	B	G	J
R	G	G	A	B	A	N	A	F	N
O	H	U	M	U	G	A	B	O	I
T	U	B	U	Z	I	M	A	U	P

- 19) Rondora abantu bose bagaragara mu kiganiro mpaka. **(amanota 5)**

IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 15)

- 20) Hanga umwandiko mvugo shusho utari munsi y'imirongo makumyabiri (20) ugaragaza imiterere y'ikigo cy'amashuri wigaho. **(amanota 15)**

.....IHHEREZO.....

IKINYARWANDA
Itariki 12/06/2024
Isaha : saa munani-saa kumi
n'imwe(14h00-17h00)



IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3 IMBONERA Y'IKOSORA

IKICIRO:

RUSANGE CY'AMASHURI

YISUMBUYE

UMWAKA WA:

MBERE (S1)

IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 30)

- 1) Uyu mwandiko ni umugani muremure. **(1)**

Impamvu:

- Utangirwa na umunsi umwe **(1)**
- Usozwa na si nge wahera **(1)**
- Urimo amakabyankuru **(1)**
- Ibiugwamo nta hantu hazwi mu mateka byabereye
- Ntugira uwo witirirwa **(amanota 3)**

- 2) Amazina y'inyamaswa zari zitabiriye inama: intare **(1)**, nyiramuhari **(1)**, ikinyogote **(1)**, ingwe, amasatura, impiri... **(amanota 3)**
- 3) Umuti nyiramuhari yatanze wo kuvura umwana w'intare ni amaraso y'ikinyogote yagombaga kunywa ashushye. **(1)** Uyu muti nyiramuhari yawutanze igirango yicishe ikinyogote **(1)** **(amanota 2)**
- 4) Umuti nyiramuhari yari yatanze ntiwari umuti w'ukuri icyo yashakaga kwari ukwicisha ikinyogote. **(1)** Kimaze kubibona na cyo cyakoze ubugororangingo **(1)** ahubwo birangira nyiramuhari isabwe ubwonko aba ari yo yicwa. **(1)** **(amanota 3)**

- 5) Aho uyu mugani “Utazi ubwenge ashima ubwe” uhuriye n’ibivugwa ni uko muri uyu mwandiko, nyiramuhari yibwiraga ko igiye kwicisha ikinyogote **(1)** kikaza kuyirusha ubwenge **(1)** ahubwo bikarangira ari yo ipfuye. **(1)**
(amanota 3)
- 6) Impamvu zerekana ko umuti ikinyogote cyatanze wari wizewe: **(amanota 3)**
- cyavuze ko aho bawukuye cyari kumwe na nyiramuhari **(1)**
 - cyavuze ko ubuzima bw’umwana w’intare butaruta ubwe **(1)**
 - cyavuze ko bawukuye ku bagendera ku tuguru tubiri **(1)**
 - cyavuze ko uwabahaye umuti yateze umutwe we
 - cyavuze ko umuti na cyo uzagiturukaho...
- 7) Gusubiza ukoresheje “**ni byo** cyangwa “**si byo**”: **(amanota 5)**
- (a) Intare umwami w’ishyamba yitwa kandi Rwarikamavubi. **Si byo (1)**
 - (b) Nyiramuhari yatanze umuti kubera impuhwe yari ifitiye umwana w’intare. **Si byo (1)**
 - (c) Ikinyogote cyavuze ko ubuzima bw’umwana w’intare butaruta ubwacyo kugira ngo umuti wacyo wemerwe. **Ni byo (1)**
 - (d) Ingwe yiwegamije umwana w’intare ishaka ubutoni ku mwami w’ishyamba. **Ni byo (1)**
 - (e) Umwana w’intare amaze gupfa ikinyogote cyarahanwe kuko cyatanze umuti utariwo. **Si byo (1)**
- 8) Icyatumye umuti watanzwe utavura umwana w’intare ni uko mu by’ukuri atari umuti watanzwe n’abavuzi **(1)** ahubwo ari umuti watanzwe mu buryo bushingiye ku bugome. **(1)** **(amanota 2)**
- 9) Gusimbuza amagambo atsindagiye andi bihuje inyito: **(amanota 5)**
- (a) **ntibyagira icyo bitanga**: biba iby’ubusa **(1)**
 - (b) **ikabisubiza inyuma** : ikabisubiza irudubi **(1)**
 - (c) **kubura icyo bakora**: gushoberwa **(1)**
 - (d) **vuba**: bwangu **(1)**
 - (e) **kumuha ibyo kumufasha ngo abe yagarura agatege**: kumwondora **(1)**

IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 25)

10) Gutanga ingero z'amazina zikurikira: **(amanota 5)**

(a) Izina ryo mu nteko ya 14 rifata ubwinshi mu nteko ya 6. Ubwato → amato
(1)

(b) Izina ryo mu nteko ya 15 ritajya mu bwinshi. Ukuri **(1)**

(c) Izina ryo mu nteko ya 9 rifata ubwinshi mu nteko ya 6. Isake → amasake
(1)

(d) Izina ryo mu nteko ya 12 ritajya mu bwinshi. agasuzuguro **(1)**

(e) Izina ryo mu nteko ya 11 rifata ubwinshi mu nteko ya 10. urugo → ingo **(1)**

11) Ingero z'amagambo yakoreshwamo amategeko y'igenamajwi n'uturemajambo twayo. **(amanota 6)**

(a) y → z/n- inzira **(1)**: i-n-yira **(1)**

(b) e → y/-J urusyo **(1)**: u-ru-se-o **(1)**

(c) d+y → z umudozi **(1)**: u-mu-dod-yi **(1)**

12) Gushyira mu bwinshi interuro ku buryo zikomeza kuba mbonezamvugo.

(amanota 5)

(a) Ibuye rimeneka urwondo rugisukuma. **Amabuye (1)** **ameneka (1)**
urwondo rugisukuma

(b) Inkoni ivuna igufwa ntivura ingeso. Inkoni **zivuna (1)** **amagufwa (1)**
ntizivura (1) ingeso.

13) Kugaragaza ukuntu indomo y'izina mbonera iboneka. **(amanota 6)**

Kugira ngo indomo iboneke hakoreshwu ijambo "nta" **(1)** cyangwa indangahantu "mu" **(1)** imbere y'amazina, hashobora no gukoreshwa ikibazo "ki" **(1)** inyuma y'ayo mazina. Icyo gihe inyajwi itangira izina iratakara. Iyo nyajwi itakara ni yo bita "indomo" Urugero: nta kigori **(1)**, mu kabuye **(1)**, wa kigori we, tubabi ki? **(1)** Inyajwi i, a na u zatakaye. Bityo rero inyajwi zatakaye kuri aya magambo ni zo ndomo zayo.

14) Gutanga uturango twa ntera. **(amanota 3)**

- Ntera igaragaza imimerere, imiterere cyangwa ingano y'izina igaragiye. **(1)**

- Mu nteruro ntera igaragira izina. Ni ukuvuga ko itajya igenda yonyine; iteka ryose iba iri kumwe n'izina irisobanura cyangwa igaragaza ingano yaryo. **(1)**
- Indangasano ya ntera isa n'indanganteko y'izina igaragiye. **(1)**
- Ntera ishobora kugoragozwa ikaba yakwinjira mu nteko zose uko ari cumi n'esheshatu...

IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 30)

- 15) Kugaragaza itandukaniro riri hagati y'umwandiko ntekerezo, umwandiko mvugo shusho n'umuvugo. **(amanota 6)**
 Umuvugo witaruye iyi myandiko isigaye kuko uba wanditse mu mikarago **(1)** mu gihe iyo yindi yo yanditse mu mirongo. **(1)** Ikindi umuvugo uba wiganjemo ikeshamvugo n'injyana **(1)** bititabwaho cyane mu myandiko yindi. N'ubwo bwose mu miterere y'ibika umwandiko ntekerezo n'umwandiko mvugo shusho nta ho bitaniye, uwandika umwandiko ntekerezo ahera ku nsanganyamatsiko runaka akavuga ibyo abona, yumva cyangwa atekereza ko byabaho. **(1)** Umwandiko mvugo shusho ugaragaza ikivugwa uko kiri, ukagaragaza imiterere yacyo binyujijwe mu magambo n'imvugo zishushanya icyo kivugwa. **(1)** Mu mwandiko mvugo shusho hibandwa cyane ku ikoresha ry'amagambo agereranya kandi ataka ubwiza cyanecyane ubugaragara inyuma, ku buryo ibivugwa biba bishingiye ku miterere wabonesha amaso. **(1)**
- 16) Ibisakuzo bica (basubiza) muri ubu buryo. (amanota 5)**
- Mfite inka ni Rusimbukamigina! **(1)** imboni
 - Akari inyuma ya Ndiza urakazi? **(1)** inyana iri mu nda ya nyina
 - Intara za nyirabangana zingana zose! **(1)** isi n'ijuru
 - Sogokuru aryoha aboze! **(1)** umuneke
 - Bwiza bupfuye ubusa! **(1)** uruhu rw'imbwa
- 17) Gutandukanya amagambo yandikwa kimwe hakoreshejwe ubutinde bw'imbewo. **(amanota 8)**

- (a) guhaaga **(1)** ≠ guhaga **(1)**
 - (b) yiishiima **(1)** ≠ yiishima **(1)**
 - (c) gusuura **(1)** ≠ gusura **(1)**
 - (d) gufuunguura **(1)** ≠ gufuongura **(1)**
- 18) Gutahura amagambo mu kinyatuzu. **(amanota 6)**
- UBURAGAZA **(1)**
 - SIDA **(1)**
 - MBURUGU **(1)**
 - IMITEZI **(1)**
 - INDA **(1)**
 - URUBYARO **(1)**
 - URUSORO
 - ABANA
 - UBUZIMA
- 19) Abantu bose bagaragara mu kiganiro mpaka **(amanota 5)**
- Uruhande rushyigikira insanganyamatsiko **(1)**
 - Uruhande rudashygikiye insanganyamatsiko **(1)**
 - Umuhuza/ umuyobozi w'ibiganiro mpaka **(1)**
 - Indorerezi **(1)**
 - Abakemurampaka **(1)**

IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 15)

20) **Ibizitabwaho mu gukosora umwandiko:** **(amanota 15)**

- (a) **Imisusire (amanota 5)**
 - Umutwe, intangiriro, igihimba, umusozo **(amanota 2)**
 - Umwanya iburyo n'ibumoso **(inota 1)**
 - Uburebure bwasabwe **(inota 1)**
 - Isuku **(inota 1)**
- (b) **ingingo n'ibisobanuro (amanota 10)**
 - Intangiriro: igomba kuba ivuga ibigiye kuvugwaho **(inota 1)**
 - Igihimba: ingingo eshatu (3) n'ibisobanuro byazo **(amanota 6)**

- Umwanzuro ugendanye n'umwandiko (**inota 1**)
- Amakosa y'imyandikire n'inozamvugo (amakosa 2 ahanirwa 0.5) (**inota 1**)
- Uruhererekane rw'ibitekerezo (**inota 1**)

Ingingo n'ibisobanuro byazo Harasabwa

ingingo eshatu zisobanuye :

Zimwe mu ngero z'ingingo zaherwaho mu guhangga umwandiko: -

Kwerekana aho iryo shuri riherereye

- Ibigize ikigo cy'amashuri (inyubako, ubusitani, ibibuga....) -

Ubuyobozi bw'ikigo cy'amashuri

- Imyitwarire n'imitsindire y'abanyeshuri -

Ibyiza bitatse ikigo